

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA

Madame Jeannette KAGAME

MU IHURIRO RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI, Igice cya I

Kigali Convention Center, Ku wa 26 Ukwakira 2017

Ba Nyakubahwa, Bavandimwe-Ntwararumuri,

Mbere ya byose, mbanje kubasuhuza. Mwiriweho !

Ndifuzza kandi guha ikaze abanyamuryango bashya 18 twungutse mu minsi ishize.

Muri amaboko yiyongereye, muzanye imbaraga nshya, ngo dukomeze twiyubakire u Rwanda twifuzza. Twishimiye kubakira rero no gufatanya namwe mwese mu njyana yacu nziza yo gutwara urumuri rumurikira Abanyarwanda. MURISANGA mu banyu!

Twabanje kuba ba Mutima w'urugo twambarira impubya abagiye ku rugamba ariko kubera ubudasa twatewe n'amateka yacu, twasanze tutagarukira aho, tugomba kuva mu nshingano zo mu rugo, tugafata izindi nshingano kugirango tutaza komeza kuba indorerezi, ahubwo tugire uruhare, kugirango tuzarinde iki gihugu cye kuzogera kugwa mu icuraburindi.

Muri iri huriro ryacu rya 10 twifujye kuganira ku « **Ubudasa bw'u Rwanda mu cyerekezo twahisemo** ». Ariko nk'uko bisanzwe, dufata umwanya wihariye ku banyamuryango ba Unity Club, ngo twongere

turebe ibyemezo-ngiro tuba twarafashe, mbere y'uko tujya mu ihuriro ryagutse duhuriramo n'abandi.

Umwaka ushize, twahize byinshi birimo:

- Kurushaho kunoza imbaraga za Unity Club mu bikorwa no mu mikorere,
- Gukomeza kuganira kuri gahunda nziza Unity Club yabereye umusemburo. Natanga urugero nko kwizihiza abarinzi b'igihango, no gukomeza gahunda ya Ndi Umunyarwanda ndetse n'izindi nziza zagize akamaro.

Ni yo mpamvu Abanyamuryango bifuje kutugaragariza igenamigambi ryacu ry'imyaka 7, nk' umukoro twahawe wo kunoza **ingamba zo kubaka inzego n'ubushobozi bwa Unity Club ndetse no gusigasira ibyagezweho.**

Ibi byose kandi, tubikora tugenda twiyibutsa impanuro duhabwa n'Umukuru w'Igihugu ndetse n'icyerekezo Guverinoma yacu yihaye.

Muribuka ko mw'Ihuriro ryacu rya 8 Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yavuze ati : « *Inzu yacu, uru Rwanda, turarwubaka dute?*

Twari dusanzwe tudafite inzu n'aho twashakaga kuyubaka barahasenya. Ubu noneho twabonye ikibanza turubaka. Arongera ati « Uko dutandukanye, biduha imbaraga ! Ntabwo bitwambura imbaraga.

Ibi nibyo koko, iyo murebye urugendo twakoze, amateka yacu atandukanye, yaduhaye guhuza maze dukora ubudasa, bubumbye u Rwanda.

Banyamuryango bashya mutagira ubwoba, urumuri ntabwo ruremereye ! Ni urumuri buri muntu atwara ku mutima, ni urumuri umuntu ajoyendana. Ku buryo umwitegereje wese nawe yumva ashatse kuba umwe mu ri urwo rugamba twiyemeje.

Mu byo twubatswe, harimo ibikorwa n'ibitekerezo byo mu rwego rwa politike yo kurushaho kubanisha neza Abanyarwanda.

Tugaragaza kandi umuzi w'ikibi cyazahaje Igihugu cyacu, tukanafata ingamba z'uko bitazongera ukundi.

Kuba umusemburo w'ubumwe n'ubwiyunge, biduha ingufu zo gukomeza kubaka Ubunyarwanda. Bavandimwe rero, iyo hakiri n'umwe mu bacu utarinjira muri icyo gitekerezo, tuba dusabwa kubwitaho, nta guca hirya. Nk'Intwararumuri tukamumurikira kandi nawe bidatinze akaba yaza tugafatanyaga rwa rugendo.

Uyu munsu rero, turifuza kongera kugaruka ku nshingano zacu mu buyobozi turimo kandi mu cyerekezo twihaye cy'impinduka « **National strategy for transformation.** »

Urumuri rw' ubudasa no gukora ikinyuranyo mu buyobozi turimo turabigeraho dute ? Nk'Intwararumuri, ni uwuhe mwambaro twifuza guserukana ugaragaza ko twahinduye imibereho n'ubukungu by'Umunyarwanda ?

Mbere y'uko nsoza, nagirango nisehere ! Ntabwo turi ba Mutima w'urugo gusa batangiye Unity Club, kubera « Gender equality » Tugiramo n'abagabo twatangiranye uyu muryango.

Mureke rero mpinire aha, turaza gukomeza mu biganiro.

Murakoze, mbifuriye kugira ihuriro ryiza.